CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# UBUTUMWA BUGENEWE ABAKRISTU KU MUNSI MUKURU W'ABAKATESHISITI KU WA 26 GICURASI 2024

**INSANGANYAMATSIKO:**

***«Nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose»* (Mt 28, 19).**

**Tariki ya 26 Gicurasi 2024**

## INTANGIRIRO

Bakristu bavandimwe, kuri iki cyumweru cy`Ubutatu Butagatifu turahimbaza umunsi mukuru w'abakateshisiti, umunsi utuma dusubiza amaso inyuma tukareba ubutumwa bwa Kiliziya uko yaburazwe na Yezu Kristu.

Nkuko twabyumvise mu isomo rya mbere, mu gitabo cy`Ivugururamategeko, Imana yaduhisemo, ituremamo umuryango wayo yihitiyemo ikoresheje ukuboko kwayo n` ububasha bwayo, uwo muryango iwukura mu bucakara warimo mu gihugu cya Misiri. Mu ivanjili Yezu Kristu akomeza kugaragaza ikizere gikomeye afitiye intumwa ze mu gukomeza kurema uwo muryango.

Mbere y'uko Yezu Kristu asubira mu ijuru, yahaye intumwa ze ubutumwa bwo kwamamaza Inkuru Nziza y'umukiro muri aya magambo: « *Nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose* » (Mt 28, 19). Ubwo butumwa bushingiye kuri Kristu ubwe, We mwogezabutumwaw'ibanzekandiw'ikirenga.Yaduhishuriye ko ari We ibyanditswe n'ubuhanuzi byuzurijwemo aho agira ati «*Roho wa Nyagasani arantwikiriye, kuko yantoye akansiga amavuta, agira ngo ngeze Inkuru Nziza ku bakene, ntangarize imbohe ko zibohowe, n'impumyi ko zihumutse, n'abapfukiranwaga ko babohowe, kandi namamaze umwaka w'Impuhwe za Nyagasani*» (Lk 4,18-19). Uwo mukiro Yezu Kristu yatuzaniye wagenewe bose. Koko rero, nk'uko yoherejwe n`Imana Data, amaze kuzuka, yoherereje Roho Mutagatifu intumwa ze kugira ngo zikomeze umurimo we wo gukiza abantu kandi ziwushyikirize isi yose. Kiliziya rero, iyo yamamaza Inkuru Nziza, iba irangiza inshingano yahawe na Yezu Kristu.

## UBUTUMWA BW`UMUKATESHISITI

Mu buryo bw'ingenzi Kiliziya ikoresha yamamaza Inkuru Nziza, ubwigishwa bufite umwanya ukomeye kandi w'ibanze. Mu bwigishwa niho umukateshisiti yuzurizamo ubutumwa akesha Batisimu yahawe.

Mu butumwa bwe afasha abigishwa guhura na Kristu, bityo bakemera guhinduka, gukura mu kwemera kandi bakizirika kuri Kristu. Ibyo bibageza kuri Batisimu, ituma bapfana na WE bakazukana Na WE.

Nyuma ya Batisimu, buzurizwamo mu isakramentu ry`Ugukomezwa babikesha Roho Mutagatifu nkuko twabyumvise mu isomo rya kabiri, aho Pawulo mutagatifu atubwira ko tutahawe roho w`ubucakara, idusubiza mu bwoba, ahubwo ko twahawe Roho itugira abana bishingiwe Kibyeyi, igatuma dutera hejuru tuti « Abba! Data! »

Umukateshisisti niwe utoza abigishwa kwinjira mu butumwa bwa Kiliziya, bwuzurizwa mu miryango bavukamo, mu miryango ya agisiyo Gatolika, mu miryango remezo n`izindi nzira zose Kiliziya ikoresha mu gutagatifuza umuryango wayo.

Umurimo wo kwigisha ushinzwe mbere na mbere Abepisikopi, Ni bo «Bakateshisti b'ikirenga». Kwigisha bishinzwe kandi abapadiri nk'abafasha b'ibanze b'Abepisikopi. Uwo murimo wo gutoza abandi ukwemera no kubahishurira amabanga y'Imana, ushinzwe ku buryo bw'umwihariko ababyeyi, bo barezi b'ibanze b'ukwemera kw'abana babo. Ariko kandi uwabatijwe wese, Isakaramentu rya Batisimu rimuha kugira uruhare ku ***Busaserdoti bwa Kristu, We Musaserdoti, Umuhanuzi n'Umwami.*** Buri mukristu wese rero afite inshingano yo kwamamaza Inkuru Nziza mu mibereho ye yose mu mvugo ndetse no mu ngiro, arangwa n'imigenzo myiza ishingiye ku Ivanjili.

Ku buryo bw'umwihariko, hari Abalayiki bitangira uwo murimo wo kwigisha Inkuru Nziza nk'umuhamagaro wabo wihariye muri Kiliziya,abo ni abakateshisiti .

## NI NDE UHAMAGARIRWA UMURIMO W'UBUKATESHISTI?

Umukateshisiti **ni muntu ki?** ni umukristu w'umulayiki wabatijwe kandi wakomejwe muri Kiliziya,ashobora no kuba uwiyeguriyimana.

Ni umwogezabutumwa ushinzwe kunganira abasaseridoti mu mirimo yo kwigisha Ijambo ry'Imana no gufasha abakristu mu by'iyobokamana. Uwo murimo akora ni umuhamagaro nk'uko Pawulo Mutagatifu abitubwira agira ati « Ni na We wahaye bamwe kuba intumwa, abandi abaha kuba abahanuzi, abandi abaha kuba abogezabutumwa, abandi abaha kuba abashumba cyangwa se abigisha. Nguko uko yatunganyije abatagatifujwe be, anabategurira gukomeza umurimo bashinzwe wo kungura umubiri wa Kristu» (Ef 4, 11-12). Uwo murimo akora ushingiye ku ngabire bwite azwiho n'umuryango w'abakristu kandi wemezwa n'ubutumwa ahabwa n'Umwepisikopi. Uruhare rwabo rwabaye ingirakamaro muri iyi myaka 125 y`iyogezabutumwa mu Rwanda, mu gutegura abigishwa, mu kuyobora no gushyigikira imiryango y`abakristu.

Uwo murimo uha umukateshisiti kugira uruhare rukomeye mu butumwa bwa Kiliziya ari bwo: *Kwigisha, gutagatifuza no kuyobora* (Mt 28,19-20) afasha gushishikiariza buri wese wabatijwe kumva ko afite muhamagaro wo gufasha Yezu Kristu gukomeza gukiza isi.

**Bakateshisiti dukunda,**

Nubwo ubwo butumwa budusaba kwitanga tutizigamye, byaba ari ukwibeshya kubufata nk'igikorwa cy'ubutwari buhambaye bwa muntu, kuko mbere ya byose igikorwa ari icya Yezu, ni We «Mwogezabutumwa w'ibanze kandi usumba bose».

Mu buryo bwose bwo kwamamaza Ivanjili, umwanya w'ibanze uhabwa iteka Imana yashatse kuduhamagarira gufatanya na Yo, tukanabishobozwa n'imbaraga za Roho Mutagatifu.

Mukomeze kurangamira umuvugizi w`abakateshisiti Mutagatifu **Andereya KAGGWA,** wemeye guhara amagara ye kubera Yezu Kristu n'Ivanjili.

Ahangaha twakwibukiranya ko umukateshisiti wa mbere u Rwanda rwamenye akomoka mu miryango y`abahowe Imana b`i Bugande, ndetse n`abamisiyoneri ba mbere bageze iwacu ariho baturutse.

Namwe muhuze ukwemera kwanyu n'ubuzima bwa buri munsi kandi mubitoze n'abandi kugeza aho mwahara amagara yanyu kubera kogeza Ingoma ya Kristu muri bagenzi banyu.

Mukomeze kwigiramo ibakwe ryo gusohoka musanga abantu ngo mubamenyeshe Inkuru Nziza ya Yezu Kristu, maze uko Yezu Kristu agira ati *«Nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose.»* (Mt 28, 19), bibongerere ibyishimo mu kumwamamaza mu mvugo no mu ngiro.

Turashimira imbaga itabarika y'Abalayiki biyemeje kwitangira Ivanjili kugeza n'aho bahara amagara yabo.

Tubaragije Umubyeyi Bikira Mariya Umwamikazi wa Kibeho.

## UMUSOZO

### Isengesho ryo gusabira abakateshisiti

*Nyagasani Yezu Kristu, Wowe washatse ko muri Kiliziya yawe habamo abakateshisiti bo gufasha abantu kukumenya no kukuyoboka, ubahe ubutwari n'ubwitange bakeneye mu kogeza Ingoma yawe. Nk'uko wabakunze, ukabizera maze ukabaha ubutumwa, bahe ubuhanga n'ubutwari byo kukubera abahamya muri iyi si ya none, mu mvugo, mu ngiro no mu mibereho yabo ya buri munsi. Nk'uko wakoreye mu bahowe izina ryawe b'i Bugande barimo Andereya KAGGWA,Umuvugizi w'abakateshisiti ukihesha ikuzo, na bo bahe ukwemera gushyitse kwatuma bahara ubuzima bwabo kubera wowe. Tubisabye ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina*

**Musenyeri Filipo RUKAMBA**

Umushumba wa Diyosezi ya Butare
Akaba na Perezida wa Komisiyo ya Kateshezi
mu Nama y`Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

+ Rukamba

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C.EP.R.
B.P.357 Kigali
Rwanda
COMMISSION